

<p>ITEGEKO N°44bis/2017 RYO KU WA 06/09/2017 RIRENGERA ABATANGA AMAKURU KU BYAHA, KU BIKORWA CYANGWA IMYITWARIRE BINYURANYIJE N'AMATEGEKO</p>	<p>LAW N°44bis/2017 OF 06/09/2017 RELATING TO THE PROTECTION OF WHISTLE BLOWERS</p>	<p>LOI N°44bis/2017 DU 06/09/2017 PORTANT PROTECTION DES DENONCIATEURS</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO YO GUTANGA AMAKURU N'UKO BIKORWA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: OBLIGATION AND MODALITIES FOR WHISTLEBLOWING</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: OBLIGATION ET MODALITES DE DENONCIATION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Inshingano yo gutanga amakuru</u></p>	<p><u>Article 3: Whistleblowing obligation</u></p>	<p><u>Article 3: Obligation de dénonciation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Uko amakuru atangwa</u></p>	<p><u>Article 4: Procedure for whistleblowing</u></p>	<p><u>Article 4: Modalités de dénonciation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ibubujijwe mu gutanga amakuru</u></p>	<p><u>Article 5: Prohibition in whistleblowing</u></p>	<p><u>Article 5: Interdictions en matière de dénonciation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Inzego zihabwa amakuru</u></p>	<p><u>Article 6: Institutions that receive disclosures</u></p>	<p><u>Article 6: Institutions qui reçoivent les dénonciations</u></p>

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo bwo kwakira amakuru</p>	<p><u>Article 7:</u> Methods of receiving disclosures</p>	<p><u>Article 7:</u> Modalités de réception des dénonciations</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Umukozi ushinzwe kwakira amakuru</p>	<p><u>Article 8:</u> Officer responsible for receiving disclosures</p>	<p><u>Article 8:</u> Agent chargé de recevoir les dénonciations</p>
<p><u>UMUTWE WA III:</u> KURENGERA UTANZE AMAKURU</p>	<p><u>CHAPTER III:</u> PROTECTION OF A WHISTLE BLOWER</p>	<p><u>CHAPITRE III:</u> PROTECTION DU DENONCIATEUR</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Kurengera no gushimira utanga amakuru</p>	<p><u>Article 9:</u> Protection and awarding a whistle blower</p>	<p><u>Article 9:</u> Protection et récompense en faveur d'un dénonciateur</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Kugira ibanga ku makuru yakiriwe</p>	<p><u>Article 10:</u> Secrecy of disclosures received</p>	<p><u>Article 10:</u> Confidentialité des dénonciations reçues</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Kurindwa ihohoterwa</p>	<p><u>Article 11:</u> Protection from victimisation</p>	<p><u>Article 11:</u> Protection contre la persécution</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Kurinda utanze amakuru igihe ahamagajwe mu nzego z'ubutabera</p>	<p><u>Article 12:</u> Protection of a whistle blower summoned by judicial organs</p>	<p><u>Article 12:</u> Protection du dénonciateur convoqué par les instances judiciaires</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Ubufatanye n'amahanga mu kurinda abatangamakuru</p>	<p><u>Article 13:</u> International cooperation in protection of whistle blowers</p>	<p><u>Article 13:</u> Coopération internationale en matière de protection des dénonciateurs</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Uburenganzira bwo kuregera inzego z'ubutegetsi cyangwa inkiko</p>	<p><u>Article 14:</u> Right to seek administrative redress or to file an action in courts</p>	<p><u>Article 14:</u> Droit de recours administratif ou judiciaire</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:</u> IBYAHA N'IBIHANO</p>	<p><u>CHAPTER IV:</u> OFFENCES AND PENALTIES</p>	<p><u>CHAPITRE IV:</u> INFRACTIONS ET PEINES</p>

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Ihanwa ry'uwatanze amakuru mu buryo bunyuranyije n'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Ihanwa ry'umukozi cyangwa umuyobozi wamenye amakuru akayatangaza mu buryo bunyuranyije n'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Ihanwa ry'umuntu uhohotera uwatanze amakuru</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 15:</u> Punishment of a person who makes disclosures in violation of this Law</p> <p><u>Article 16:</u> Punishment of an employee or official disclosing in violation of this Law information brought to his/her attention</p> <p><u>Article 17:</u> Punishment of a person who victimises a whistle blower</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 18:</u> Initiation, consideration and adoption of this Law</p> <p><u>Article 19:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 20:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 15:</u> Peine contre une personne faisant des dénonciations en violation de la présente loi</p> <p><u>Article 16:</u> Peine contre un employé ou autorité dévoilant contrairement à la présente loi des dénonciations portées à sa connaissance</p> <p><u>Article 17:</u> Peine contre une personne ayant commis un acte de persécution contre un dénonciateur</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 18:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p> <p><u>Article 19:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 20:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	--

<p>ITEGEKO N°44bis/2017 RYO KU WA 06/09/2017 RIRENGERA ABATANGA AMAKURU KU BYAHA, KU BIKORWA CYANGWA IMYITWARIRE BINYURANYIJE N'AMATEGEKO</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 11 Nyakanga 2017;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 35/2012 ryo ku wa 19/09/2012 rirengera abatanga amakuru ku</p>	<p>LAW N°44bis/2017 OF 06/09/2017 RELATING TO THE PROTECTION OF WHISTLE BLOWERS</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its session of 11 July 2017;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;</p> <p>Having reviewed Law n° 35/2012 of 19/09/2012 relating to the protection of whistle blowers;</p>	<p>LOI N°44bis/2017 DU 06/09/2017 PORTANT PROTECTION DES DENONCIATEURS</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT:</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 11 juillet 2017;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;</p> <p>Revu la Loi n° 35/2012 du 19/09/2012 portant protection des dénonciateurs;</p>
---	--	--

<p>byaha, ku bikorwa n’imyitwarire binyuranyije n’amategeko;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p>Iri tegeko rigamije kurengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire inyuranyije n’amategeko hagamijwe kurengera inyungu rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo</u></p> <p>Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:</p> <p>1° igikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n’amategeko: igikorwa cyose kinyuranyije n’amategeko ngenyitwarire cyangwa ngenyamikorere bikozwe n’abayobozi cyangwa abakozi bo mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta;</p> <p>2° icyaha: igikorwa kibujijwe cyangwa kwanga gukora ibitegetswe ku buryo buhungabanya umutekano mu bantu</p>	<p>ADOPTS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p>The purpose of this Law is to protect whistle blowers with a view to safeguarding public interest.</p> <p><u>Article 2: Definitions</u></p> <p>In this Law, the following terms are defined as follows:</p> <p>1° illegal act or behaviour: any act which violates the code of conduct or professional ethics committed by authorities or employees in public or private institutions;</p> <p>2° offence: an act or omission infringing public order and punishable by law;</p>	<p>ADOPTE:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a pour objet de protéger les dénonciateurs dans le cadre de sauvegarder l’intérêt public.</p> <p><u>Article 2: Définitions</u></p> <p>Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1° acte ou comportement illicite: tout acte de violation du code de conduite ou de la déontologie professionnelle commis par les autorités ou employés dans les institutions publiques ou privées ;</p> <p>2° infraction: acte ou omission portant atteinte à l’ordre public et punissable par la loi;</p>
--	--	--

<p>kandi hari itegeko ribiteganyiriza ibihano;</p> <p>3° inomeru y'ibanga: inyuguti cyangwa umubare bisimbura umwirondoro w'uwatanze amakuru bishyirwa ku nyandiko y'amakuru yatanze;</p> <p>4° urwego rufite ububasha bwo guhabwa amakuru: urwego rwa Leta cyangwa urutari urwa Leta umuntu wese ashobora gushyikiriza amakuru azi cyangwa yamenyeshejwe hashingiwe ku nshingano n'ububasha ruhabwa n'itegeko;</p> <p>5° utanga amakuru: umuntu wese utanga amakuru ku cyo azi, cyangwa yamenyeshejwe ku birebana n'ibyaha, ibikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko.</p>	<p>3° code: letters or digits that replace a whistle blower's identity that are inserted in the document containing the information disclosed;</p> <p>4° institution empowered to receive disclosures: a public or private body to which, by virtue of the responsibilities and powers conferred upon it by law, a person may disclose information in his/her possession or which has been brought to his/her attention;</p> <p>5° whistle blower: any person who discloses information in his/her possession or which has been brought to his/her attention which is connected to offences, illegal acts or behaviour.</p>	<p>3° code: lettres ou chiffres remplaçant l'identité du dénonciateur qui sont insérés sur le document contenant les informations dévoilées;</p> <p>4° institution habilitée à recevoir les dénonciations: organe public ou privé auquel, en vertu des attributions et des pouvoirs qui lui sont conférés par la loi, toute personne peut fournir une information dont elle dispose ou dont elle a pris connaissance;</p> <p>5° dénonciateur: toute personne qui fournit une information dont elle dispose ou dont elle a pris connaissance en rapport avec les infractions, les actes ou comportements illicites.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO YO GUTANGA AMAKURU N'UKO BIKORWA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: OBLIGATION AND MODALITIES FOR WHISTLEBLOWING</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: OBLIGATION ET MODALITES DE DENONCIATION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Inshingano yo gutanga amakuru</u></p>	<p><u>Article 3: Whistleblowing obligation</u></p>	<p><u>Article 3: Obligation de dénonciation</u></p>
<p>Umuntu wese afite inshingano yo gutanga amakuru azi cyangwa yamenyeshejwe ku byaha, ku bikorwa cyangwa ku myitwarire</p>	<p>Every person has an obligation to provide information in his/her possession or which has been brought to his/her attention that is</p>	<p>Toute personne est tenue de dénoncer toute information dont elle dispose ou dont elle a pris connaissance en rapport avec les infractions,</p>

<p>binyuranyije n'amategeko. Utanga amakuru afite kandi inshingano yo gushishoza ku makuru, kuyasesengura no kuyagenzura neza akayatanga ari uko ayafitiye gihamya.</p> <p>Umukozi wa Leta, uw'ikigo cya Leta cyangwa uw'ikigo cyigenga, ufite icyo azi cyangwa yamenyeshejwe, agomba gutanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko bikorerwa aho akorera, mu bigo cyangwa mu miryango bikorana n'ikigo akoramo.</p>	<p>connected to offences, illegal acts or behaviours. A whistle blower also has the obligation to be diligent, analytical and verify the information and disclose it with proof.</p> <p>A public servant, an employee of a public entity or of a private entity who possesses or is provided with information, must report any information connected to offences, illegal acts or behaviour occurring at the workplace, within institutions or organisations which work with the institution in which he/she is employed.</p>	<p>les actes ou comportements illicites. Un dénonciateur a aussi l'obligation de diligence, d'analyse et de vérification de l'information et de la dénoncer après avoir trouvé des preuves.</p> <p>Un agent de l'Etat, d'une entité publique ou privée qui dispose d'une information ou qui en a été informé, doit dénoncer toute information en rapport avec les infractions, les actes ou comportements illicites perpétrés sur son lieu de travail, au sein des institutions ou des organisations qui travaillent avec l'institution dans laquelle il est employé.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Uko amakuru atangwa</u></p> <p>Gutanga amakuru bikorwa mu magambo, mu nyandiko cyangwa mu bundi buryo bwose n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu ku rwego rubishinzwe.</p> <p>Buri gihe, utanga amakuru agomba kumenyekanisha umwirondoro we.</p>	<p><u>Article 4: Procedure for whistleblowing</u></p> <p>Whistleblowing is made to the relevant institution verbally, in writing or through any other means by an individual or a group of people.</p> <p>The whistle blower must always disclose his/her personal identification.</p>	<p><u>Article 4: Modalités de dénonciation</u></p> <p>La dénonciation est faite auprès de l'organe compétent par voie orale, par écrit ou par tout autre moyen par un individu ou un groupe de personnes.</p> <p>Le dénonciateur doit toujours dévoiler son identité.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ibujijwe mu gutanga amakuru</u></p> <p>Utanga amakuru, abujijwe gukora ibi bikurikira:</p> <p>1 ° gutanga amakuru y'ibinyoma agamije inyungu ze bwite cyangwa ashingiye ku rwango, ishyari cyangwa</p>	<p><u>Article 5: Prohibitions in whistleblowing</u></p> <p>A whistle blower is prohibited from:</p> <p>1 ° providing false information aimed at his/her personal interest or based on grounds of hatred, jealousy or potential</p>	<p><u>Article 5: Interdictions en matière de dénonciation</u></p> <p>Il est interdit à un dénonciateur de faire ce qui suit:</p> <p>1 ° donner une fausse information visant son intérêt personnel ou fondée sur la haine, la jalousie ou le conflit éventuel</p>

<p>amakimbirane ashobora kuba ari hagati y'utanga amakuru n'uwo ayatangaho cyangwa undi muntu ufitanye isano n'utangwaho amakuru;</p> <p>2° gutanga amakuru mu nyungu z'uwo agamije kurengera cyangwa kubikora agambiriye gusebanya no gutesha agaciro umuntu cyangwa urwego yatanzeho amakuru.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Inzego zihabwa amakuru</u></p> <p>Buri rwego rwakira amakuru ari mu nshingano zarwo cyangwa mu bubasha bwawo. Iyo urwego ruhawe amakuru atari mu nshingano zarwo, ruyashyikiriza urwego rwa Leta bireba n'umwironoro w'urwego.</p> <p>Urwego rwakiriye amakuru rugomba kwihutira kugira icyo ruyakoraho. Nyuma yo gusuzuma ayo makuru, urwego rwayakiriye rushobora kumenyesha urwego umwanzuro wafashwe rukoresheje uburyo burunogeye.</p>	<p>conflict between the whistle blower and the person subject to whistle blowing or other person with any relationship with the person subject to whistleblowing;</p> <p>2° providing information in the interest of a person he/she seeks to protect or with intent to defame and dishonour an individual or an entity subject to whistle blowing.</p> <p><u>Article 6: Institutions that receive disclosures</u></p> <p>Each institution receives disclosures that fall within its responsibilities or powers. An institution that receives disclosures that do not fall within its responsibilities forwards them to the relevant public institution together with the identity of the whistle blower.</p> <p>The institution that receives disclosures must process them as soon as possible. The institution may, through appropriate means, and after analysis of the disclosures, communicate to the whistle blower the decision taken.</p>	<p>entre le dénonciateur et le dénoncé ou une tierce personne ayant une relation avec le dénoncé;</p> <p>2° donner une information dans l'intérêt de celui que l'on veut protéger ou dans l'intention de diffamer et de déshonorer l'individu ou l'entité dénoncée.</p> <p><u>Article 6: Institutions qui reçoivent les dénonciations</u></p> <p>Chaque institution reçoit les dénonciations relevant de ses attributions ou pouvoirs. L'institution qui reçoit les dénonciations ne relevant pas de ses attributions les transmet à l'institution publique compétente avec l'identité du dénonciateur.</p> <p>L'institution auprès de laquelle les dénonciations sont faites doit s'en servir sans délai. L'institution peut communiquer au dénonciateur, de manière qu'elle juge appropriée, la décision prise après l'analyse de ces dénonciations.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwakira amakuru</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n’andi mategeko, urwego rwashyikirijwe amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa ku myitwarire binyuranyije n’amategeko rugomba kuyashyira mu nyandiko ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° icyo amakuru ashingiyeho; 2 ° uwabikoze n’abo babikoranye; 3 ° aho byakorewe; 4 ° igihe byakorewe; 5 ° uburyo byakozwe n’impamvu byakozwe igihe izwi. <p>Iyo bishoboka, inyandiko y’iyakira ry’amakuru ishyirwaho umukono cyangwa igikumwe n’uwayakiriye n’uwayatanze.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Umukozi ushinzwe kwakira amakuru</u></p> <p>Buri rwego rugena umukozi umwe cyangwa benshi bashinzwe kwakira amakuru.</p>	<p><u>Article 7: Methods of receiving disclosures</u></p> <p>Subject to provisions of other laws, an institution that receives disclosures on offences, illegal acts or behaviour must put it in writing that includes the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° basis of the disclosure; 2 ° author and co-authors; 3 ° place of making it; 4 ° time of making it; 5 ° circumstances of making it and the reason for making it if known. <p>Where possible, an acknowledgment of receipt of the disclosure is signed or thumb printed by both the receiver and the whistle blower.</p> <p><u>Article 8: Officer responsible for receiving disclosures</u></p> <p>Every institution designates one or more officers responsible for receiving disclosures.</p>	<p><u>Article 7: Modalités de réception des dénonciations</u></p> <p>Sous réserve des dispositions d’autres lois, l’institution qui reçoit une dénonciation en rapport avec les infractions, les actes ou comportements illicites doit mettre cette dénonciation en écrit comprenant ce qui suit:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° le fondement de la dénonciation; 2 ° l’auteur et ses co-auteurs; 3 ° le lieu de commission; 4 ° le temps de commission ; 5 ° les conditions de commission et le motif s’il est connu. <p>Si possible, un accusé de réception des dénonciations porte les signatures ou les empreintes digitales de l’agent ayant reçu des dénonciations et du dénonciateur.</p> <p><u>Article 8: Agent chargé de recevoir les dénonciations</u></p> <p>Toute institution désigne un ou plusieurs agents chargés de recevoir les dénonciations.</p>
--	---	--

<p>Umukozi ushinzwe kwakira amakuru agomba kuba ari inyangamugayo kandi afite ubushobozi bujanyane n'uwu murimo.</p>	<p>The officer responsible for receiving disclosures must be a person of integrity with required capacity relating to that task.</p>	<p>L'agent chargé de recevoir les dénonciations doit être intègre et avoir des compétences requises pour cette tâche.</p>
<p>Iyo umukozi ushinzwe kwakira amakuru ari we watanzweho amakuru, amakuru yakirwa n'umukuriye mu kazi.</p>	<p>If the officer responsible for receiving disclosures is the subject of whistle blowing, the disclosure is received by his/her immediate superior.</p>	<p>Si c'est l'agent chargé de recevoir les dénonciations qui est dénoncé, ces dénonciations sont reçues par son supérieur hiérarchique.</p>
<p>Umukozi ushinzwe kwakira amakuru aha raporo umuyobozi w'urwego cyangwa undi uwo muyobozi w'urwego yabihera ububasha.</p>	<p>The officer responsible for receiving disclosures submits a report to the head of the institution or his/her delegate.</p>	<p>L'agent chargé de recevoir les dénonciations transmet le rapport au responsable de l'institution ou à son délégué.</p>
<p>Icyakora, iyo umuyobozi w'urwego ari we watanzweho amakuru, raporo ishyikirizwa urwego rumukuriye.</p>	<p>However, if the head of the institution is the subject of whistleblowing, the report is submitted to his/her superior authority.</p>	<p>Toutefois, si c'est le responsable de l'institution qui est dénoncé, le rapport est transmis à l'organe directement supérieur.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: KURENGERA UTANZE AMAKURU</u></p>	<p><u>CHAPTER III: PROTECTION OF A WHISTLE BLOWER</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: PROTECTION DU DENONCIATEUR</u></p>
<p><u>Ingingo ya 9: Kurengera no gushimira utanga amakuru</u></p>	<p><u>Article 9: Protection and awarding a whistle blower</u></p>	<p><u>Article 9: Protection et récompense en faveur d'un dénonciateur</u></p>
<p>Leta ifite inshingano zo gushyiraho ingamba zigamije kurinda no kurengera uwatanze amakuru.</p>	<p>The State has the responsibility to set out strategies meant for ensuring security and protection of a person who has made a disclosure.</p>	<p>L'Etat a l'obligation de mettre en place des stratégies visant à assurer la sécurité et la protection de la personne ayant fourni des informations.</p>
<p>Umuntu wese utanze amakuru bigatuma hagaruzwa umutungo cyangwa harengerwa inyungu rusange, ararengerwa kandi</p>	<p>Any person who provides disclosures that result in recovery of property or safety of public interest must be protected and rewarded.</p>	<p>Toute personne qui fournit des informations contribuant au recouvrement des biens ou la protection de l'intérêt public doit être protégée</p>

<p>agashimirwa. Iteka rya Perezida rigena uburyo bikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Kugira ibanga ku makuru yakiriwe</u></p> <p>Mu rwego rwo kurengera utanga amakuru, amakuru yose yakirwa mu ibanga kandi agashyirwa mu nyandiko hakoreshejwe inomeru y'ibanga. Iyo nomero y'ibanga igomba guhura n'iy'uwatanze amakuru, hakurikijwe urutonde rw'abatanga amakuru.</p> <p>Urutonde rw'abatanga amakuru narwo rwandikwa mu buryo bw'ibanga, rukaba rushobora gusomwa gusa n'uwakira amakuru n'umuyobozi w'urwego cyangwa undi mukozi wabihereye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Kurindwa ihohoterwa</u></p> <p>Iyo uwatanze amakuru amenyekanye, nta muntu ushobora kumuhohotera yaba we ubwe, uwamumenyesheje amakuru cyangwa se undi bafitanye isano kubera amakuru yatanze.</p> <p>Bifatwa nk'ihohoterwa, iyo umukozi watanze amakuru afatiwe kimwe mu byemezo bikurikira hagamijwe kwihimura:</p> <p>1 ° kwirukanwa ku kazi;</p>	<p>A Presidential Order determines modalities for implementation of this provision.</p> <p><u>Article 10: Secrecy of disclosures received</u></p> <p>For purposes of protecting a whistle blower, all disclosures are received in secret and recorded by use of a code. The code must be similar to the code of the person who disclosed information basing on the list of whistle blowers.</p> <p>The list of whistle blowers must also be drawn up in secret and may be accessed only by the officer who receives the disclosures and the head of the institution or other authorized officer.</p> <p><u>Article 11: Protection from victimisation</u></p> <p>In case a whistle blower is identified, no person may victimise him/her, his/her informer or any other person in relationship with him/her due to the information disclosed.</p> <p>It is considered as victimisation, if any of the following measures is taken against an employee who made a disclosure with intention to retaliate:</p> <p>1 ° dismissal;</p>	<p>et récompensée. Un arrêté présidentiel en détermine les modalités d'application.</p> <p><u>Article 10: Confidentialité des dénonciations reçues</u></p> <p>Dans le cadre de la protection du dénonciateur, toutes les dénonciations sont reçues en toute confidentialité et enregistrées en utilisant un code. Ce code doit être conforme à celui de la personne ayant fourni la dénonciation selon la liste des dénonciateurs.</p> <p>La liste des dénonciateurs est aussi dressée de façon secrète, et peut être seulement consultée par l'agent chargé de recevoir les dénonciations et l'autorité de l'institution ou autre agent autorisé.</p> <p><u>Article 11: Protection contre la persécution</u></p> <p>Lorsque le dénonciateur est identifié, personne ne peut le persécuter, ni son informateur ou toute autre personne ayant une relation avec lui, en raison de la dénonciation faite.</p> <p>Est considérée comme persécution, lorsque l'une des mesures suivantes est prise à l'encontre d'un agent avec l'intention de se venger suite à une dénonciation faite:</p> <p>1 ° révocation;</p>
---	---	---

<p>2 ° guhagarikwa ku kazi;</p> <p>3 ° kwangirwa cyangwa gukererezwa kuzamurwa mu ntera;</p> <p>4 ° gukurwa ku mwanya yakoragaho agashyirwa ku wundi uri muni yawo;</p> <p>5 ° kwimwa akazi cyangwa kwamburwa inshingano zigahabwa abandi;</p> <p>6 ° gukorerwa nabi isuzumabushobozi;</p> <p>7 ° gukorerwa ivangura;</p> <p>8 ° gukorerwa itotezwa iryo ari ryo ryose;</p> <p>9 ° gufatirwa ikindi gihano cyose cyo mu rwego rw'akazi, gushyirwaho ibikangisho, guhozwa ku nkeke bikoze n'umukoresha we cyangwa umukozi mugenzi we.</p> <p>Bifatwa kandi nk'ihohoterwa iyo utanze amakuru utari umukozi akorewe ivangura, atewe ubwoba n'umuntu cyangwa urwego rurebwa n'amakuru yatanzwe, cyangwa akimwa serivisi yari afiteho uburenganzira.</p> <p>Mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, nta muyobozi wemerewe gukurikirana cyangwa</p>	<p>2 ° suspension;</p> <p>3 ° denial or delay in promotion;</p> <p>4 ° demotion;</p> <p>5 ° redundancy;</p> <p>6 ° poor performance appraisal;</p> <p>7 ° discrimination;</p> <p>8 ° any form of victimisation;</p> <p>9 ° being made subject to any other administrative sanction, threats, harassment by the employer or a colleague of the employee.</p> <p>It is also considered as victimisation if a whistle blower who is not an employee is subject to discrimination or intimidation by a person or an institution concerned with the disclosure or is denied any service to which he/she is entitled.</p> <p>For the purposes of preventing victimisation referred to in Paragraph One of this Article, no institutional head may prosecute or punish any</p>	<p>2 ° suspension;</p> <p>3 ° refus ou retard à la promotion;</p> <p>4 ° rétrogradation;</p> <p>5 ° refus de tâches ou retrait de responsabilités au détriment des autres;</p> <p>6 ° évaluation injuste des performances;</p> <p>7 ° discrimination;</p> <p>8 ° toute forme de persécution;</p> <p>9 ° soumission à toute autre sanction administrative, menaces, harcèlement par son employeur ou un collègue de cet agent.</p> <p>Est aussi considérée comme persécution, lorsqu'un dénonciateur qui n'est pas un employé fait l'objet de discrimination ou d'intimidation par une personne ou une institution concernée par la dénonciation ou s'il lui est refusé un service auquel il a droit.</p> <p>Dans le cadre de la prévention de la persécution visée à l'alinéa premier du présent article, aucune autorité ne peut poursuivre ou</p>
---	---	---

<p>guhana umukozi watanze amakuru ayo ariyo yose, keretse mu gihe inzego zibifitiye ububasha zerekanye ko amakuru yatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Kurinda utanze amakuru igihe ahamagajwe mu nzego z'ubutabera</u></p> <p>Mu gihe uwatanze amakuru ahamagajwe mu nzego z'ubutabera, hakoreshwa numero y'ibanga ye kandi umwirondoro we ntugomba kugarazwa.</p> <p>Mu gihe uwatanze amakuru abazwa n'inzego z'ubutabera, bikorwa mu muhezo kandi nta kuvuguruzanya n'undi muntu.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Ubufatanye n'amahanga mu kurinda abatangamakuru</u></p> <p>Umuntu wese watanze amakuru hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko agomba kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose yaba ari mu gihugu imbere cyangwa hanze yacyo, hakurikijwe ibiteganywa n'amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda cyangwa andi masezerano y'ubufatanye Leta ishobora kugirana n'ibindi bihugu.</p>	<p>employee who discloses information, except if competent authorities demonstrate that the disclosure was effected in circumstances contrary to the law.</p> <p><u>Article 12: Protection of a whistle blower summoned by judicial organs</u></p> <p>In case a whistle blower is summoned before judicial organs, his/her code is used and his/her identity must not be disclosed.</p> <p>In case the whistle blower is subject to interrogation before judicial organs, the procedure is conducted in camera without any cross examination by any other person.</p> <p><u>Article 13: International cooperation in protection of whistle blowers</u></p> <p>Any whistle blower who discloses information in accordance with the provisions of this Law must be protected from any victimisation whether within the country or abroad in accordance with provisions of international conventions ratified by Rwanda or any other agreement of cooperation Rwanda may conclude with other countries.</p>	<p>punir l'employé qui fait la dénonciation, sauf si les autorités compétentes démontrent que la dénonciation a été effectuée dans des circonstances contraires à la loi.</p> <p><u>Article 12: Protection du dénonciateur convoqué par les instances judiciaires</u></p> <p>Lorsqu'un dénonciateur est convoqué devant les instances judiciaires, son code est utilisé et son identité ne doit pas être dévoilée.</p> <p>Si le dénonciateur fait l'objet d'un interrogatoire devant une instance judiciaire, l'interrogatoire est mené à huis clos et sans débat contradictoire avec une autre personne.</p> <p><u>Article 13: Coopération internationale en matière de protection des dénonciateurs</u></p> <p>Tout dénonciateur qui fait la dénonciation conformément aux dispositions de la présente loi doit être protégé contre toute persécution, que ce soit dans le pays ou à l'étranger en vertu des dispositions des conventions internationales ratifiées par le Rwanda ou de tout autre accord de coopération que le Rwanda peut conclure avec d'autres pays.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 14:</u> Uburenganzira bwo kuregera inzego z’ubutegetsi cyangwa inkiko</p> <p>Umuntu wese wakorewe ihohoterwa kubera amakuru yatanze, afite uburenganzira bwo gutanga ikirego gisaba indishyi, kurenganurwa mu nzego z’ubutegetsi cyangwa mu nkiko iyo agaragaje ihuriro ry’ihohoterwa yakorewe n’amakuru yatanze.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: IBYAHA N’IBIHANO</u></p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ihanwa ry’uwatanze amakuru mu buryo bunyuranyije n’iri tegeko</p> <p>Umuntu wese utanze amakuru mu buryo bunyuranyije n’ibiteganywa mu ngingo ya 5 y’iri tegeko, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni y’ibihumbi magana atanu (500.000) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000).</p>	<p><u>Article 14:</u> Right to seek administrative redress or to file an action in courts</p> <p>A whistle blower who is victimised as a result of his/her disclosure may seek redress from administrative authorities or file a civil action in court by identifying the connection between the victimisation against him/her and the disclosure.</p> <p><u>CHAPTER IV: OFFENCES AND PENALTIES</u></p> <p><u>Article 15:</u> Punishment of a person who makes disclosures in violation of this Law</p> <p>Any person who discloses information in violation of Article 5 of this Law commits an offence.</p> <p>When convicted, he/she is liable to a term of imprisonment of not less than one (1) year but not exceeding three (3) years and a fine of not less than five hundred thousand (500,000) but not exceeding one million (1,000,000) Rwandan francs.</p>	<p><u>Article 14:</u> Droit de recours administratif ou judiciaire</p> <p>Tout dénonciateur qui a fait l’objet de persécution à cause de sa dénonciation, peut demander réparation auprès des autorités administratives ou intenter une action civile devant une juridiction en établissant le lien de cause à effet entre la persécution et la dénonciation.</p> <p><u>CHAPITRE IV: INFRACTIONS ET PEINES</u></p> <p><u>Article 15:</u> Peine contre une personne faisant des dénonciations en violation de la présente loi</p> <p>Toute personne ayant fait des dénonciations contrairement aux dispositions de l’article 5 de la présente loi commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins un (1) an mais n’excédant pas trois (3) ans et d’une amende d’au moins cinq cent mille (500.000) mais n’excédant pas un million (1.000.000) de francs rwandais.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 16:</u> Ihanwa ry’umukozi cyangwa umuyobozi wamenye amakuru akayatangaza mu buryo bunyuranyije n’iri tegeko</p> <p>Umukozi ushinzwe kwakira amakuru cyangwa umuyobozi wamenye amakuru ku cyaha, ku gikorwa cyangwa ku myitwarire inyuranyije n’amategeko uyatangaza mu buryo bunyuranyije n’iri tegeko , aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni ya miliyoni ebyiri (2.000.000) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000).</p> <p>Ibihano bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy’iyi ngingo ni nabyo bihabwa umuntu uhishura umwirondoro w’uwatanze amakuru.</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Ihanwa ry’umuntu uhohotera uwatanze amakuru</p> <p>Umuyobozi cyangwa undi muntu wese uhohotera umukozi wa Leta, uw’ikigo cya Leta, uw’ikigo cyigenga cyangwa undi muntu watanze amakuru ku byaha, ku bikorwa</p>	<p><u>Article 16:</u> Punishment of an employee or official disclosing in violation of this Law, information brought to his/her attention</p> <p>Any employee in charge of receiving disclosures or any authority who knows any information about an offence, illegal act or behaviour who discloses it in violation of this Law commits an offence.</p> <p>When convicted, he/she is liable to a term of imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding three (3) years and a fine of not less than two million (2,000,000) but not exceeding three million (3,000,000) Rwandan francs.</p> <p>Penalties referred to in Paragraph 2 of this Article also apply to a person who discloses the identity of a whistle blower.</p> <p><u>Article 17:</u> Punishment of a person who victimises a whistle blower</p> <p>Any authority or any other person who victimises a public servant, an employee in a public or private institution or any other person who disclosed information on offences, illegal acts or behaviour commits an offence.</p>	<p><u>Article 16:</u> Peine contre un employé ou autorité dévoilant contrairement à la présente loi, des dénonciations portées à sa connaissance</p> <p>Un employé chargé de recevoir les dénonciations ou une autorité qui a connaissance des informations en rapport avec une infraction, un acte ou comportement illicite qui les dénoncent contrairement à la présente loi commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’il en est reconnu coupable, il est passible d’un emprisonnement d’au moins deux (2) ans mais n’excédant pas trois (3) ans et d’une amende d’au moins deux millions (2.000.000) mais n’excédant pas trois millions (3.000.000) de francs rwandais.</p> <p>Les peines mentionnées à l’alinéa 2 du présent article sont aussi applicables à une personne ayant révélé l’identité d’un dénonciateur.</p> <p><u>Article 17:</u> Peine contre une personne ayant commis un acte de persécution contre un dénonciateur</p> <p>Toute autorité ou autre personne qui persécute un agent de l’Etat, ou agent d’une entité publique ou privée ou toute autre personne ayant fait des dénonciations en rapport avec les</p>
--	---	---

<p>cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000).</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Itegeko n° 35/2012 ryo ku wa 19/09/2012 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa n'imyitwarire binyuranyije n'amategeko n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p>When convicted, he/she is liable to a term of imprisonment of not less than three (3) years but not exceeding five (5) years and a fine of not less than one million (1,000,000) but not exceeding two million (2,000,000) Rwandan francs.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 18: Initiation, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was initiated, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 19: Repealing provision</u></p> <p>Law n° 35/2012 of 19/09/2012 relating to protection of whistle blowers and all other prior provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>infractions, les actes ou comportements illicites commet une infraction.</p> <p>Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million (1.000.000) mais n'excédant pas deux millions (2.000.000) de francs rwandais.</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 19: Disposition abrogatoire</u></p> <p>La Loi n° 35/2012 du 19/09/2012 portant protection des dénonciateurs ainsi que d'autres dispositions antérieures contraires à la présente loi, sont abrogées.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. icyakora, ingingo z'iri tegeko ziteganywa ibyaha n'ibihano zitangira gukurikizwa ku munsu Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana rihujwe n'ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.</p>	<p><u>Article 20: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, the provisions relating to offences and penalties come into force when harmonisation of Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the penal code with the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 is effected.</p>	<p><u>Article 20: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois, les dispositions relatives aux infractions et peines entrent en vigueur le jour auquel l'harmonisation de la Loi Organique n°01/2012/OL du 02/05/2012 portant code pénal avec les dispositions de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 est effectuée.</p>
<p>Kigali, ku wa 06/09/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul Perezida wa Repubulika</p>	<p>Kigali, on 06/09/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul President of the Republic</p>	<p>Kigali, le 06/09/2017</p> <p>(sé)</p> <p>KAGAME Paul Président de la République</p>
<p>(sé)</p> <p>Dr. NGIRENTE Edouard Minisitiri w'Intebe</p>	<p>(sé)</p> <p>Dr. NGIRENTE Edouard Prime Minister</p>	<p>(sé)</p> <p>Dr. NGIRENTE Edouard Premier Ministre</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>